**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUCURUZI N'INGANDA**
**P.O. Box: 73 KIGALI**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Hashingiwe ku myanzuro y'inama yo ku itariki ya 19/12/2022 abahagarariye Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM), Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubugenzuzi, ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi (RICA), Abayobozi b'uturere bungirije bashinzwe ubukungu n'abayobozi b'ishami rishinzwe ubucuruzi, iterambere no guhanga umurimo (BDE) mu turere duhingwamo umuceri, abahagarariye impuzamahuriro y'abahinzi b'umuceri mu Rwanda (FUCORIRWA), inganda ndetse n' abahagarariye ihuriro ry'inganda zitonora umuceri mu Rwanda (RFRM);

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) iramenyesha abahinzi b'umuceri, inganda zitonora umuceri ndetse n'Abanyarwanda muri rusange ko igiciro fatizo cy'umuceri udatonoye gishyizweho ku buryo bukurikira:

- FRW450 ku kilo cy'umuceri w'intete ngufi (Kigori),
- FRW448 ku kilo cy'umuceri w'intete ziringaniye (Medium grain),
- FRW454 ku kilo cy'umuceri w'intete ndende (Long grain)
- FRW658 ku kilo cy'umuceri wa Basmati.

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) iboneyeho kwibutsa abahinzi n'inganda zitonora umuceri n'Abanyarwanda muri rusange ibi bikurikira:

1. Abahinzi barasabwa kugurisha umusaruro wabo ku nganda zemerewe gutonora umuceri mu Rwanda;
2. Umuhinzi yemerewe gutonorerwa umuceri uri hagati ya15 - 20% by'umusaruro we yejeje ku bahinzi bahinga ku buso butarengeje Ari 20 (blocks ebyiri muri rusange);
3. Ku muhinzi munini, urengeje Ari 20 (blocks ebyiri muri rusange) umuceri atonorerwa ntugomba kurenga ibiro magana abiri (200Kg) by'umuceri utonoye ku gihembwe;
4. Abayobozi b'inzego z'ibanze mu turere duhingwamo umuceri barasabwa kuba hafi y'abahinzi no gukurikirana iyubahirizwa ry'ibiciro-fatizo byavuzwe haruguru.

Ku bifuza kutugezaho amakuru cyangwa kumenya ibindi bisobanuro, mwahamagara ku murongo wa telefoni utishyurwa wa 3739.

Bikorewe i Kigali ku wa 20 Ukuboza 2022.

**Dr. Jean-Chrysostome NGABITSINZE**
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

MINISTRY OF TRADE AND INDUSTRY